**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

| | |
|---|---|
| Urubanza N°: | MICT-13-38-T |
| Itariki: | 16 Mutarama 2023 |
| Umwimerere: | Icyongereza |

**PEREZIDA WA IRMCT**

| | |
|---|---|
| **Umucamanza:** | **Graciela Gatti Santana, Perezida** |
| **Gerefiye:** | **Abubacarr M. Tambadou** |
| **Itariki:** | **16 Mutarama 2023** |

**POROKIRERI**

**aburana na**

**FÉLICIEN KABUGA**

*INYANDIKO ITARI IBANGA*

**ITEGEKO RISHYIRAHO UMUCAMANZA W'INGOBOKA**

**Ibiro bya Porokireri**

Serge Brammertz

Rashid S. Rashid

Rupert Elderkin

**Avoka wunganira Félicien Kabuga**

Emmanuel Altit

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE**, **GRACIELA GATTI SANTANA**, Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Perezida" na "IRMCT", uko bikurikirana);

**NSHINGIYE KU** "Itegeko rishyiraho Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo" ryo ku itariki ya 1 Ukwakira 2020, uwambanjirije yatanze ashyiraho Abacamanza bagize Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo muri uru rubanza ari bo njyewe, Iain Bonomy, Perezida, na Elisabeth Ibanda-Nahamya;

**NIBUTSA** "Itegeko rishyiraho Umucamanza usimbura undi rikanashyiraho Umucamanza w'Ingoboka" natanze ku itariki ya 26 Kanama 2022 ubwo nashyiragaho Mustapha El Baaj ngo ansimbure mu Bacamanza bagize inteko, na Margaret deGuzman ngo abe Umucamanza w'Ingoboka muri uru rubanza;

**MAZE KUBONA KO** iburanisha muri uru rubanza ryatangiye ku itariki ya 29 Nzeri 2022;

**NSHINGIYE KU** "Cyemezo gishingiye ku Ngingo ya 19 (E) y'Amategeko" Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwafashe ku itariki ya 10 Mutarama 2023 aho rwemeje ko, nyuma y'urupfu rw'Umucamanza Elisabeth Ibanda-Nahamya, urubanza rukomeza maze Umucamanza deGuzman agasimbura Umucamanza Ibanda-Nahamya;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 12 (5) ya Sitati ya IRMCT ("Sitati") n'Ingingo ya 20(A) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT ("Amategeko") ziteganya ko Perezida ashobora gushyiraho Umucamanza w'ingoboka ngo akurikirane ibyiciro byose by'urubanza yashyizwemo kandi asimbure Umucamanza wese udashoboye gukomeza kuburanisha urwo rubanza;

**MAZE KUBONA KO** gushyiraho Umucamanza w'ingoboka bikwiye kandi ari n'ubushishozi kugira ngo urubanza ruburanishwe mu buryo bwihuse nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 18 (1) ya Sitati;

**MAZE KUGISHA INAMA** Abacamanza bagize inteko iburanisha uru rubanza;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 12(5) ya Sitati n'iya 20(A) y'Amategeko;

**NSHYIZEHO** Umucamanza Ivo Nelson de Caires Batista Rosa ngo abe Umucamanza w'Ingoboka muri uru rubanza; kandi



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NTEGETSE KO**, guhera ubu, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo mu *Rubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38, rugizwe n'Abacamanza bakurikira:

Iain Bonomy, Perezida

Mustapha El Baaj

Margaret deGuzman

Ivo Nelson de Caires Batista Rosa, Umucamanza w'Ingoboka

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 16 Mutama 2023,
Arusha, muri Tanzaniya

[**Umukono**]
Graciela Gatti Santana
Perezida

**[Kashe ya IRMCT]**



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT